

**Umwaka wa 48 n° 51**  
**21 Ukuboza 2009**



**Year 48 n°51**  
**21 December 2009**

**48<sup>ème</sup> Année n° 51**  
**21 décembre 2009**

|                                                         |                                                           |                                                            |
|---------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------|
| <b>Igazeti ya Leta ya<br/>Repubulika y'u<br/>Rwanda</b> | <b>Official Gazette<br/>of the Republic<br/>of Rwanda</b> | <b>Journal Officiel<br/>de la République<br/>du Rwanda</b> |
|---------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------|

***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***Page/Urup.***

**A. Amateka ya ba Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels**

**N°008/2009 ryo kuwa 01/12/2009**

Iteka rya Minisitiri rigena umubare w'amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga kinjira n'igisanzwe mu Rwanda.....4

**N° 008/2009 of 01/12/2009**

Ministerial Order determining the amount of registration fees for imported and already registered vehicles in Rwanda.....4

**N° 008/2009 du 01/12/2009**

Arrêté Ministériel fixant le montant des droits d'enregistrement des véhicules importés et ceux immatriculés déjà au Rwanda.....4

**N°006/2009 ryo kuwa 01/12/2009**

Iteka rya Minisitiri rihindura kandi ryuzuzwa Iteka rya Minisitiri n° 004/07 ryo kuwa 09/05/2007 rishyira mu bikorwa Itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku nyungu.....9

**N°006/2009 of 01/12/2009**

Ministerial Order modifying and complementing Ministerial Order n° 004/07 of 09/05/2007 governing the implementation of the Law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income...9

**N°006/2009 du 01/12/2009**

Arrêté Ministériel modifiant et complétant l'Arrêté Ministériel n° 004/07 du 09/05/2007 portant mesure d'exécution de la Loi n° 16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu.....9

**N° 001/16.00 ryo kuwa 23/11/2009**

Iteka rya Minisitiri rigena ibiciro-fatizo by'ubutaka mu Mujyi wa Kigali.....13  
Umugereka.....17

**N° 001/16.00 of 23/11/2009**

Ministerial Order determining the reference land prices in the City of Kigali .....13  
Annex.....25

**N° 001/16.00 du 23/11/2009**

|                                                                                                     |  |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Arrêté Ministériel portant détermination des prix fonciers de référence dans la Ville de Kigali..13 |  |
| Annexe.....32                                                                                       |  |

**N° 115/08.11 ryo kuwa 24/09/2009**

|                                                                                                                                  |  |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi «Federation of Rwanda Women Lawyers » ( FIDA-RWANDA) kandi ryemera Abavugizi bawo.....40 |  |
| Ategeko Shingiro.....44                                                                                                          |  |

**N°115/08.11 of 24/09/2009**

|                                                                                                                                                  |  |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Ministerial Order granting Legal Status to the “Federation of Rwanda Women Lawyers” (FIDA-RWANDA) and approving its Legal Representatives.....40 |  |
| Constitution.....44                                                                                                                              |  |

**N°115/08.11 du 24/09/2009**

|                                                                                                                                                                    |  |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à la «Federation of Rwanda Women Lawyers» (FIDA-RWANDA) et portant agrément de ses Représentants Légaux.....40 |  |
| Statuts.....44                                                                                                                                                     |  |

**B. Amabwiriza ya Komiseri Mukuru/Commissionner General Rules/Directives du Commissaire Général**

**N° 007/2009 yo kuwa 07/12/2009**

|                                                                                                                                   |  |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Amabwiriza ya Komiseri Mukuru ashyira mu bikorwa Itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku nyungu.....58 |  |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|

**N°007/2009 of 07/12/2009**

|                                                                                                            |  |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Commissionner General Rules implementing the Law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income.....58 |  |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|

**N° 007/2009 du 07/12/2009**

|                                                                                                                                           |  |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Directives du Commissaire Général mettant en application la Loi n° 16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu.....58 |  |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|

**N° 008/2009 yo kuwa 07/12/2009**

|                                                                                                                                                                                                                    |  |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Amabwiriza ya Komiseri Mukuru ahindura kandi yuzuza Amabwiriza ya Komiseri Mukuru n°002/2007 yo kuwa 15/06/2007 ashyira mu bikorwa Itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha.....63 |  |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|

**N° 008/2009 of 07/12/2009**

|                                                                                                                                                                                    |  |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Commissionner General Rules modifying and completing the Commissioner General Rules n° 002/2007 of 15/06/2007 implementing the Law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures...63 |  |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|

**N° 008/2009 du 07/12/2009**

|                                                                                                                                                                                                                                          |  |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|
| Directives du Commissaire Général modifiant et complétant les Directives du Commissaire Général n° 002/2007 du 15/06/2007 portant mise en application de la Loi n° 25/2005 du 04/12/2005 portant création des procédures fiscales.....63 |  |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--|

**C. RURA : Rwanda Utilities Regulatory Agency**

|                                                                 |  |
|-----------------------------------------------------------------|--|
| Financial Statements for the year ended 31 December 2007.....68 |  |
|-----------------------------------------------------------------|--|

Income Statement for the year ended 31<sup>st</sup> December 2007.....70

**D. Guhindura izina/Name alteration/Changement de nom**

SEMAFARA MUDAKEMWA Bonaventure.....72

**E. Amakoperative/Cooperatives/Coopératives**

- CODERU.....73

- IARU.....74

**ITEKA RYA MINISITIRI N°008/2009 RYO KUWA 01/12/2009 RIGENA UMUBARE W'AMAFARANGA YO KWANDIKISHA IKINYABIZIGA KINJIRA N'IGISANZWE MU RWANDA**

**MINISTERIAL ORDER N° 008/2009 OF 01/12/2009 DETERMINING THE AMOUNT OF REGISTRATION FEES FOR IMPORTED AND ALREADY REGISTERED VEHICLES IN RWANDA**

**ARRETE MINISTERIEL N° 008/2009 DU 01/12/2009 FIXANT LE MONTANT DES DROITS D'ENREGISTREMENT DES VEHICULES IMPORTES ET CEUX IMMATRICULES DEJA AU RWANDA**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere** : Icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article Premier:** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2** : Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga cyinjira mu Gihugu

**Article 2:** Registration fees for imported motor vehicles

**Article 2:** Droits d'enregistrement des véhicules importés

**Ingingo ya 3** : Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga gisanzwe mu Rwanda

**Article 3:** Registration fees for motor vehicles already registered in Rwanda

**Article 3:** Droits d'enregistrement pour les véhicules déjà immatriculés au Rwanda

**Ingingo ya 4** : Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga gifite icyapa cyanditseho amazina y'umuntu cyangwa ay'isohiyete

**Article 4:** Registration fees for personalised motor vehicles number plates

**Article 4 :** Droits d'enregistrement pour les véhicules dont les plaques sont personnalisées

**Ingingo ya 5** : Aho amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga atangirwa

**Article 5:** Place of payment of registration fees

**Article 5:** Lieu de payement des droits d'enregistrement

**Ingingo ya 6** : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 6:** Repealing provision

**Article 6 :** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 7** : Igihe iteka ritangira gukurikizwa

**Article 7:** Commencement

**Article 7 :** Entrée en vigueur

|                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                       |                                                                                                                                                              |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <b>ITEKA RYA MINISITIRI N° 008/2009 RYO KUWA 01/12/2009 RIGENA UMUBARE W'AMAFARANGA YO KWANDIKISHA IKINYABIZIGA CYINJIRA N'IGISANZWE MU RWANDA</b> | <b>MINISTERIAL ORDER N° 008/2009 OF 01/12/2009 DETERMINING THE AMOUNT OF REGISTRATION FEES FOR IMPORTED AND ALREADY REGISTERED VEHICLES IN RWANDA</b> | <b>ARRETE MINISTERIEL N° 008/2009 DU 01/12/2009 FIXANT LE MONTANT DES DROITS D'ENREGISTREMENT DES VEHICULES IMPORTES ET CEUX IMMATRICULES DEJA AU RWANDA</b> |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi,**

**The Minister of Finance and Economic Planning,**

**Le Ministre des Finances et de la Planification Economique,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 14/2009 ryo kuwa 30/06/2009 rishyiraho amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2 n'iya 3 ;

Pursuant to Law n° 14/2009 of 30/06/2009 determining motor vehicle registration fees, especially in Articles 2 and 3;

Vu la Loi n° 14/2009 du 30/06/2009 portant fixation des droits d'enregistrement du véhicule, spécialement en ses articles 2 et 3;

Inama y'Abaminisitiri, yateranye kuwa 11/11/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 11/11/2009;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 11/11/2009 ;

**YEMEJE :**

**ORDERS:**

**ARRETE :**

**Ingingo ya mbere :** Icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article Premier :** Objet du présent arrêté

Iri teka rigena umubare w'amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga cyinjira n'igisanzwe mu Rwanda.

This Order determines the amount of registration fees for imported and already registered vehicles in Rwanda.

Le présent arrêté fixe le montant des droits d'enregistrement des véhicules importés et ceux immatriculés déjà au Rwanda.

**Ingingo ya 2 : Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga cyinjira mu Gihugu**

Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga cyinjira mu Gihugu abarwa hashingiwe ku ngufu za moteri zacyo mu buryo bukurikira:

| Ingufu za moteri (cc)      |            | Amafaranga |
|----------------------------|------------|------------|
| Hagati                     | na         |            |
| 0                          | 1000       | 75.000     |
| 1001                       | 1500       | 160.000    |
| 1501                       | 3.000      | 250.000    |
| 3.001                      | 4.500      | 420.000    |
| 4.501                      | no kurenga | 560.000    |
| Ikinyabiziga cy'umwihariko | -          | 640.000    |

**Ingingo ya 3 : Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga gisanzwe mu Rwanda**

Amafaranga yishyurwa ku kinyabiziga gisanzwe mu Rwanda angana n'umusoro bwite hiyongereyeho ubukode bw'icyapa ikinyabiziga cyishyuye muri 2009.

Uyu mubare uziyongera hashingiwe ku gihe ikinyabiziga cyinjiriye mu Rwanda.

Ku mamodoka yinjiye mu Gihugu mbere no mu mwaka wa 2006 ayo mafaranga yikuba

**Article 2: Registration fees for imported motor vehicles**

Registration fees for imported motor vehicles are determined on the basis of engine capacity as follows:

| Engine power ( cc) |           | Fees    |
|--------------------|-----------|---------|
| Between            | and       |         |
| 0                  | 1000      | 75.000  |
| 1001               | 1500      | 160.000 |
| 1501               | 3.000     | 250.000 |
| 3.001              | 4.500     | 420.000 |
| 4.501              | and above | 560.000 |
| Special vehicle    | -         | 640.000 |

**Article 3: Registration fees for a motor vehicle already registered in Rwanda**

Registration fees for a motor vehicle already registered in Rwanda is equivalent to an amount paid on property tax and rent on number plate in 2009.

This amount is multiplied by a coefficient based on date when a motor vehicle entered into Rwanda.

For motor vehicles imported before and

**Article 2 : Droits d'enregistrement pour des véhicules importés**

Les droits d'immatriculation des véhicules importés sont déterminés en fonction de la puissance du moteur de la manière suivante :

| Puissance du moteur ( cc) |         | Frais   |
|---------------------------|---------|---------|
| Entre                     | et      |         |
| 0                         | 1000    | 75.000  |
| 1001                      | 1500    | 160.000 |
| 1501                      | 3.000   | 250.000 |
| 3.001                     | 4.500   | 420.000 |
| 4.501                     | et plus | 560.000 |
| Véhicule spécial          | -       | 640.000 |

**Article 3 : Droits d'enregistrement pour un véhicule déjà immatriculé au Rwanda**

Les droits d'enregistrement pour un véhicule déjà immatriculé au Rwanda est équivalent à la somme de l'impôt personnel et les frais de location plaque que ce véhicule a payé en 2009.

Ce montant est multiplié par un coefficient en fonction de la date à laquelle ce véhicule est entré au Rwanda.

Pour les véhicules importés avant et au cours

|                                                                                                                                                                                                         |                                                                                                                                                          |                                                                                                                                                                           |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| inshuro imwe.                                                                                                                                                                                           | during the year 2006, the amount is multiplied by one.                                                                                                   | de l'an 2006, ce montant est multiplié par un.                                                                                                                            |
| Ku mamodoka yinjiye mu Gihugu hagati ya 2007 na 2008 ayo mafaranga yikuba inshuro ebyiri.                                                                                                               | For motor vehicles imported from 2007 to 2008, the amount is multiplied by two.                                                                          | Pour les véhicules importés entre 2007 et 2008, ce montant est multiplié par deux.                                                                                        |
| Naho ku mamodoka yinjiye mu Gihugu muri 2009 ayo mafaranga yikuba inshuro eshatu.                                                                                                                       | For motor vehicles imported in 2009, the amount is multiplied by three.                                                                                  | Pour les véhicules importés en 2009, ce montant est multiplié par trois.                                                                                                  |
| <b><u>Ingingo ya 4 : Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga gifite icyapa cyanditseho amazina y'umuntu cyangwa ay'isosiye</u></b>                                                                       | <b><u>Article 4: Registration fees for personalised motor vehicles number plates</u></b>                                                                 | <b><u>Article 4 : Droits d'enregistrement pour les véhicules dont les plaques sont personnalisées</u></b>                                                                 |
| Ikinyabiziga gifite icyapa cyanditseho amazina y'umuntu cyangwa ay'isosiye cyishyura amafaranga yo kucyandikisha angana na miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 Frw).                     | For motor vehicles with personalised number plates registration fees is fixed at two million Rwandan francs (2,000,000 Rwf).                             | Pour le véhicule dont la plaque est personnalisée les droits d'enregistrement sont fixés à deux millions de francs rwandais (2.000.000 Frw).                              |
| <b><u>Ingingo ya 5: Aho amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga yishyurirwa</u></b>                                                                                                                      | <b><u>Article 5: Place of payment of registration fees</u></b>                                                                                           | <b><u>Article 5: Lieu de paiement les droits d'enregistrement</u></b>                                                                                                     |
| Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga cyinjira mu Gihugu yishyurirwa muri Gasutamo mu gihe cyo kumenyekanisha ikinyabiziga. Iyo amafaranga amaze kwishyurwa, Gasutamo itanga ikarita yo kwiwandikisha. | Registration fees for imported motor vehicles are paid at Customs during the declaration process. Upon payment, Customs issues a registration card.      | Les droits d'enregistrement pour les véhicules importés sont payés à la Douane lors du dédouanement. Après paiement, la Douane alloue une carte d'immatriculation.        |
| Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga gisanzwe mu Rwanda atangirwa mu Ishami ry'Imisoro y'Imbere mu Gihugu. Amafaranga yo kwandikisha ikinyabiziga                                                     | Registration fees for motor vehicles already registered in Rwanda are paid at Domestic taxes Department.<br>The registration fees are paid only once for | Les droits d'enregistrement pour les véhicules déjà immatriculés au Rwanda sont payés au Département des Recettes Internes.<br>Le paiement des droits d'enregistrement se |

|                                                                          |                                                                |                                                                                                   |
|--------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------|
| atangwa rimwe gusa haba ku kinjira mu Gihugu haba n'igisanzwe mu Gihugu. | both imported and already registered motor vehicles in Rwanda. | fait une seule fois pour les véhicules importés et pour ceux qui sont déjà enregistrés au Rwanda. |
|--------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                   |                                              |
|-----------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------|
| <b><u>Ingingo ya 6:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka</b> | <b><u>Article 6:</u> Repealing provision</b> |
|-----------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------|

**Article 6: Disposition abrogatoire**

|                                                                              |                                                                  |                                                                                 |
|------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------|
| Ingingo zose z'amateka zibanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. | All prior provisions contrary to this order are hereby repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
|------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------|

|                                                               |                                       |
|---------------------------------------------------------------|---------------------------------------|
| <b><u>Ingingo ya 7:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa</b> | <b><u>Article 7:</u> Commencement</b> |
|---------------------------------------------------------------|---------------------------------------|

**Article 7 : Entrée en vigueur**

|                                                                                                    |                                                                                                                    |                                                                                                              |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

Kigali, kuwa **01/12/2009**

Kigali, on **01/12/2009**

Kigali, le **01/12/2009**

(sé)  
**MUSONI James**  
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

(sé)  
**MUSONI James**  
Minister of Finance and Economic Planning

(sé)  
**MUSONI James**  
Ministre des Finances et de la Planification  
Economique

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/ Attorney General

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N°006/2009  
RYO KUWA 01/12/2009 RIHINDURA  
KANDI RYUZUZA ITEKA RYA  
MINISITIRI N° 004/07 RYO KUWA  
09/05/2007 RISHYIRA MU BIKORWA  
ITEGEKO N° 16/2005 RYO KUWA  
18/08/2005 RIGENA IMISORO  
ITAZIGUYE KU NYUNGU

MINISTERIAL ORDER N°006/2009 OF  
01/12/2009 MODIFYING AND  
COMPLEMENTING MINISTERIAL  
ORDER N° 004/07 OF 09/05/2007  
GOVERNING THE IMPLEMENTATION  
OF THE LAW N° 16/2005 OF 18/08/2005  
ON DIRECT TAXES ON INCOME

ARRETE MINISTERIEL N°006/2009 DU  
01/12/2009 MODIFIANT ET  
COMPLETANT L'ARRETE  
MINISTERIEL N° 004/07 DU 09/05/2007  
PORTANT MESURE D'EXECUTION DE  
LA LOI N° 16/2005 DU 18/08/2005  
RELATIVE AUX IMPOTS DIRECTS SUR  
LE REVENU

### ISHAKIRO

### TABLE OF CONTENTS

### TABLE DES MATIERES

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier :** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Iyemezwa ry'ishusho  
y'umutungo

**Article 2:** Certification of financial statements

**Article 2 :** Certification des états financiers

**Ingingo ya 3:** Ivanwaho ry'ingingo  
zinyuranyije n'iri teka

**Article 3:** Repealing provision

**Article 3:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 4:** Igihe iteka ritangira  
gukurikizwa

**Article 4:** Commencement

**Article 4 :** Entrée en vigueur

|                                                                                                                                                                                                                                         |                                                                                                                                                                                                                           |                                                                                                                                                                                                                                         |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N°006/ RYO KUWA 01/12/2009 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/07 RYO KUWA 09/05/2007 RISHYIRA MU BIKORWA ITEGEKO N° 16/2005 RYO KU WA 18/08/2005 RIGENA IMISORO ITAZIGUYE KU NYUNGU</b></p> | <p><b>MINISTERIAL ORDER N°006/2009 OF 01/12/2009 MODIFYING AND COMPLEMENTING MINISTERIAL ORDER N° 004/07 OF 09/05/2007 GOVERNING THE IMPLEMENTATION OF THE LAW N° 16/2005 OF 18/08/2005 ON DIRECT TAXES ON INCOME</b></p> | <p><b>ARRETE MINISTERIEL N° 006/2009 DU 01/12/2009 MODIFIANT ET COMPLETANT L'ARRETE MINISTERIEL N° 004/07 DU 09/05/2007 PORTANT MESURE D'EXECUTION DE LA LOI N° 16/2005 DU 18/08/2005 RELATIVE AUX IMPOTS DIRECTS SUR LE REVENU</b></p> |
| <p><b>Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi,</b></p>                                                                                                                                                                                        | <p><b>The Minister of Finance and Economic Planning,</b></p>                                                                                                                                                              | <p><b>Le Ministre des Finances et de la Planification Economique,</b></p>                                                                                                                                                               |
| <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;</p>                                                           | <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;</p>                                                                                | <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;</p>                                                                                         |
| <p>Ashingiye ku Itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku nyungu nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 12;</p>                                                           | <p>Pursuant to Law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income as modified and complemented to date, especially in Article, 12;</p>                                                                                | <p>Vu la Loi n° 16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 12 ;</p>                                                                         |
| <p>Asubiye Iteka rya Minisitiri n° 004/07 ryo kuwa 09/05/2007 rishyira mu bikorwa Itegeko n° 16/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku nyungu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 7;</p>                                     | <p>Having reviewed the Ministerial Order n° 004/07 of 09/05/2007 governing the implementation of the Law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, especially in Article 7;</p>                                 | <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 004/07 du 09/05/2007 portant mesure d'exécution de la Loi n° 16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu, spécialement en son article 7;</p>                                        |
| <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 11/11/2009, imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>                                                                                                                                                  | <p>After consideration and approval by the Cabinet in its session of 11/11/2009;</p>                                                                                                                                      | <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 11/11/2009;</p>                                                                                                                                                |

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rihindura kandi rikuzura Iteka rya Minisitiri n° 004/07 ryo kuwa 09/05/2007 rishyira mu bikorwa Itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku nyungu.

**Ingingo ya 2: Iyemezwa ry'ishusho y'umutungo**

Ingingo ya 7 y'Iteka rya Minisitiri n° 004/07 ryo kuwa 09/05/2007 rishyira mu bikorwa Itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku nyungu ihinduwe kandi yujwe ku buryo bukurikira:

« Abasoreshwa bagejeje ku mubare w'ibyacuujwe ku mwaka ungana cyangwa uruta miliyoni magana ane y'amafaranga y'u Rwanda (400.000.000 Frw) bagomba kunyuzwa imenyeshamusoro n'ibaruramari byabo ku babyemeza babigize umwuga kandi bemewe.

Ariko, ku baranguza inzoga n'imitobe, abaranguza sima n'abavunja amafaranga y'amanyamahanga ntibarebwa n'inshingano yo kunyuzwa imenyeshamusoro n'ibaruramari byabo ku babyemeza babigize umwuga kandi bemewe ».

**Article One: Purpose of this Order**

This Ministerial Order shall modify and complement the Ministerial Order n° 004/07 of 09/05/2007 governing the implementation of the Law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income.

**Article 2: Certification of financial statements**

Article 7 of the Ministerial Order n° 004/07 of 09/05/2007 governing the implementation of the Law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income is modified and complemented as follows:

« Taxpayers with an annual turnover of or above four hundred million Rwandan Francs (400.000.000 Rwf) are obliged to have their annual tax declarations and financial statements certified by qualified professionals.

However, distributors of beers and lemonades, distributors of cement and owners of forex bureau are not required to have their annual tax declarations and financial statements certified by qualified professionals.

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté modifie et complète l'Arrêté Ministeriel n° 004/07 du 09/05/2007 portant mesure d'exécution de la Loi n° 16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu.

**Article 2 : Certification des états financiers**

L'article 7 de l'Arrêté Ministériel n° 004/07 du 09/05/2007 portant mesure d'exécution de la Loi n° 16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu est modifié et complété comme suit :

«Les contribuables dont le chiffre d'affaires annuel est égal ou supérieur à quatre cent millions des francs rwandais (400.000.000 Frw) sont tenus de faire certifier leurs états financiers et leurs déclarations par des professionnels qualifiés et agréés.

Toutefois, les distributeurs des bières et limonades, les distributeurs du ciment ainsi que les propriétaires des bureaux de change ne sont pas tenus de certifier leurs états financiers ainsi que leurs déclarations par des professionnels qualifiés et agréés».

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka zibanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 3: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this order are hereby repealed.

**Article 3: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent Arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 4: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 4 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **01/12/2009**

Kigali, on **01/12/2009**

Kigali, le **01/12/2009**

(sé)

**MUSONI James**

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

(sé)

**MUSONI James**

Minister of Finance and Economic Planning

(sé)

**MUSONI James**

Ministre des Finances et de la Planification  
Economique

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya  
Leta

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**

Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**

Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/16.00  
RYO KUWA 23/11/2009 RIGENA  
IBICIRO-FATIZO BY'UBUTAKA MU  
MUJYI WA KIGALI**

**MINISTERIAL ORDER N° 001/16.00 OF  
23/11/2009 DETERMINING THE  
REFERENCE LAND PRICES IN THE  
CITY OF KIGALI**

**ARRETE MINISTERIEL N° 001/16.00  
DU 23/11/2009 PORTANT  
DETERMINATION DES PRIX  
FONCIERS DE REFERENCE DANS  
LA VILLE DE KIGALI**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamiye

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier:** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Amabwiriza yuzuza iri  
teka

**Article 2:** Complementary instructions

**Article 2:** Instructions complémentaires

**Ingingo ya 3:** Ivanwaho ry'ingingo  
zinyuranyije n'iri teka

**Article 3:** Repealing provision

**Article 3:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 4:** Igihe iri teka ritangirira  
gukurikizwa

**Article 4:** Commencement

**Article 4:** Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/16.00  
RYO KUWA 23/11/2009 RIGENA  
IBICIRO-FATIZO BY'UBUTAKA MU  
MUJYI WA KIGALI**

**MINISTERIAL ORDER N° 001/16.00 OF  
23/11/2009 DETERMINING THE  
REFERENCE LAND PRICES IN THE  
CITY OF KIGALI**

**ARRETE MINISTERIEL N° 001/16.00  
DU 23/11/2009 PORTANT  
DETERMINATION DES PRIX  
FONCIERS DE REFERENCE DANS  
LA VILLE DE KIGALI**

**Minisitiri w'Umutungo Kamere;**

**The Minister of Natural Resources;**

**Le Ministre de Ressources Naturelles;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya  
Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4  
Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza  
ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29,  
iya 30, iya 120 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic  
of Rwanda of 04 June 2003 as amended to  
date, especially in Articles 29, 30, 120 and  
201;

Vu la Constitution de la République du  
Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à  
ce jour, spécialement en ses articles 29,  
30, 120 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005  
ryo ku wa 14 Nyakanga 2005 rigena  
imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu  
Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo,  
iya 5, iya 6 n'iya 24;

Pursuant to Organic Law n° 08/2005 of  
14/07/2005 determining the use and  
management of land in Rwanda, especially  
in Articles 5, 6 and 24;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du  
14/07/2005 portant régime foncier au  
Rwanda, spécialement en ses articles 5, 6  
et 24;

Ashingiye ku Itegeko n° 18/2007 ryo kuwa  
19/04/2007 ryerekeye kwimura abantu ku  
mpamvu z'inyungu rusange;

Pursuant to Law n° 18/2007 of 19/04/2007  
relating to expropriation in the Public  
Interest;

Vu la Loi n° 18/2007 du 19/04/2007  
portant expropriation pour cause d'utilité  
publique;

Inama y'Abaminisitiri yo ku wa  
14/10/2009, imaze kubisuzuma no  
kubyemeza;

After consideration and approval by the  
Cabinet, in its session of 14/10/2009;

Après examen et adoption par le Conseil  
des Ministres, en sa séance du 14/10/2009;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamiye**

Iri teka rigena ibiciro-fatizo by'ubutaka bigenderwaho mu Mujyi wa Kigali, nk'uko bikubiye mu mugereka waryo.

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the reference land prices to be used in the City of Kigali as provided for by the annex attached hereto.

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les prix fonciers de référence applicables dans la Ville de Kigali, tels que déterminés en annexe.

**Ingingo ya 2: Amabwiriza yuzuza iri teka**

Amabwiriza ya Minisitiri yuzuza iri teka kandi agasobanura ibidateganywa na ryo mu bijyanye n'ibiciro by'ubutaka.

**Article 2: Complementary instructions**

All what is not mentioned in this Order, with regard to land prices shall be complemented and clarified by Ministerial Instructions.

**Article 2: Instructions complémentaires**

Des instructions ministérielles complètent le présent arrêté et clarifient tout ce qu'il ne prévoit pas en rapport avec des prix fonciers de référence.

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

